CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
Secrétariat Général
B.P. 357 Kigali / Rwanda
Tél. : (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

# IBARUWA Y'ABEPISKOPI GATOLIKA MU RWANDA IGENEWE ABAKRISTU KU MUNSI MUKURU WA NOHELI 2025.



***YEZU, RUMURI RWACU,***
***YATUVUKIYE***

**KIGALI, KU WA 19 UKUBOZA 2025**

## ***YEZU, RUMURI RWACU YATUVUKIYE***

Basaserdoti, Biyeguriyimana, Bakristu,
Bavandimwe,

Turabaramukije tubifuriza Noheli nziza! Nimugire ineza n'amahoro biva ku Mana, Umubyeyi wacu, no kuri Nyagasani Yezu Kristu watuvukiye (reba Ef 1,2).

**1.** Kuri Noheli duhimbaza iyobera rikomeye ry'ukwigira umuntu kwa Jambo. Uwo byose bikesha kubaho (reba Yh 1,3), yigize umuntu, maze abana natwe (reba Yh 1,14). Yaje ari urumuri nk'uko Yohani Intumwa abivuga agira ati: « *Yari asanzwe yifitemo ubugingo, kandi ubwo bugingo bukaba urumuri rw'abantu. Ni uko urumuri rumurika mu mwijima, ariko umwijima wanga kurwakira* » (Yh 1,4). Yezu Kristu duhimbariza ivuka, ni We rumuri nyarumuri, rumurikira buri wese uza kuri iyi si (reba Yh 1,9).

**2.** Muri Jambo, Imana yasuye abantu bayo bari mu mwijima w'urupfu ije kubakiza. Umusaza Zakariya yabihanuye muri aya magambo: « *Koko Imana yacu igira impuhwe zihebuje, ari nazo zatumye Zuba-rirashe amanuka mu ijuru aje kudusura, akabonekera abari batuye mu mwijima no mu gicucu cy'urupfu, kugira ngo atuyobore mu nzira y'amahoro* » (Lk1,78-79). Ni We kandi wari waravuzwe n'umuhanuzi Izayi agira ati: « *Umwana yatuvukiye, twahawe umuhungu* » ( Iz 9,5). Ni Yezu wavukiye i Betelehemu mu kiraro cy'amatungo, kuko abantu bari banze kumwakira.

**3.** Jambo wavukiye abantu bose, natwe muri Kiliziya yacu hano mu Rwanda, yatuvukiye. Asanze tumeze dute ? Adusanganye inyota yo kumenya Imana, ariko adusanganye n'ibibazo bikomeye bibangamiye ukwemera. Adusanze mu mwijima w'ijoro ryacu, mu byaha by'isi. Aje asanga Kiliziya nyinshi za Paruwasi, Santarali na Sikirisale zifunze. Adusanze turwana n'iterambere ry'isi rishaka gusimbura Imana. Asanze hariho kutubaha umunsi w'Imana ku batari bake, asanze hariho abadaha agaciro isengesho n'ibimenyetso Imana inyuzamo umukiro wayo, asanze ku isi hari guharanira uburenganzira butagira rutangira buha agaciro ubuyobe n'ikizira. Asanze hariho abasuzugurwa kuko bemera Imana. Asanze hariho abatubaha Umubyeyi Bikira Mariya n'impanuro aduha, nyamara ari we Imana yanyuzeho ngo isi ibone umukiza.

**4.** Umuntu uri mu mwijima akenera urumuri kugira ngo ashobore kubona aho ari n'aho agana. Mu mwijima umuntu yikanga byose, yikanga n'uwo bahuye kandi ari umuvandimwe. Nk'uko ijisho rikenera urumuri kugirango ribashe kubona, ni nako ubwenge bwa Muntu bukenera urumuri rw'Imana kugirango bumenye aho buri n'aho bugana. Iyo umuntu ari kure y'ukwemera, iyo ashakira Imana aho itari, aba ari mu mwijima. Iyo ashaka kumenya Imana n'ubwenge bwe gusa akenshi abona ibitari Yo. Mbese nkuko ukwezi kudashobora kumurika kudahawe urumuri n'izuba, ni nako umuntu adashobora kugira urumuri atarukomoye ku Rumuri nyarumuri. Urwo rumuri nyarwo ni Yezu Kristu, Jambo w'Imana wigize umuntu. Abamwakiriye yabahaye ububasha bwo guhinduka abana b'Imana, abo ni abemera izina rye (reba Yh1,12). Ngiyo intwaro ikomeye dukwiye kwitwaza cyane cyane muri ibi bihe turimo aho ubwenge bwa Muntu bugenda bwigizayo iby'Imana. Isi ntiyashatse kwakira Jambo kuko yari mu mwijima wa wundi wanga kwakira urumuri. Bari bahugiye mu by'isi no mu nyungu zabo bwite. Abamuboneye umwanya akimara kuvuka, Mariya, Yozefu, abashumba b'amatungo, nibatubere urugero.

**5.** Yezu Kristu, Jambo w'Imana, aje atugana ngo tumwakire, avukire mu mibereho yacu. Aje ari urumuri nyakuri (reba Yh 1, 9), ngo atuvane mu isi y'umwijima, maze turangwe n'ibikorwa by'urumuri: « *Amahanga yagendaga mu mwijima, yabonye urumuri rw'agatangaza* » (Iz 9, 1). Igihe cya Noheli, kuko ari igihe gikwiye cyo kwakira Umukiza, ni igihe cy'uburokorwe ( reba 1Kor 6, 2).

**6.** Nk'uko byagendekeye ba Banyabwenge, « babonye inyenyeri ye mu Burasirazuba » (Mt 2, 2), bakaza kumuramya, natwe tureke inyenyeri ya Yezu Kristu itumurikire, tuyoborwe nayo, bityo duce ukubiri n'imitekerereze n'ibikorwa by'isi y'umwijima. Aba Banyabwenge dukunda kwita Abami, bari abanyacyubahiro kandi batunze iby'isi, nyamara bicishije bugufi, bashyira nzira, baza kuyoboka umwana Yezu. Bageze aho yavukiye, barapfukama, baramuramya, kuko bazi ko ari we bakesha byose, bamutura zahabu, ububani n'imibavu (reba Mt 2, 11).

**7.** Muri ibi bihe turimo, hateye ibitekerezo by'ubuhakanyi, byerekana ko umuntu adakeneye Imana, ko icyo akeneye ari ibimufasha mu by'umubiri n'iterambere gusa. Aba Banyabwenge, baraduha urugero rwiza rwo guha Imana umwanya w'ibanze mu mibereho yacu. Twumve neza icyo batwigisha, umuntu ntashobora kugera ku ihirwe yaremewe, atari kumwe n'Imana. Mutagatifu Agustini yabiduhayemo inyigisho agira ati: « *Waturemeye kukumenya Nyagasani, nyamara umutima wacu ntushobora kunezerwa, igihe utararuhukira muri wowe* ». Imana ni Yo Mugenga w'ibyacu byose, gusabana na Yo no kubana na Yo, nibikomeze bihabwe agaciro k'ibanze.

**8.** Guhimbaza Noheli uko bikwiye, ni ukwakira amatwara y'Ivanjili. Ni igihe cyo kugarukira Imana : « *Twiyake ibikorwa by'umwijima, maze twambare intwaro z'urumuri* » (Rom 13,12). Bivuga iki kwambara intwaro z'urumuri? Ni ukwemera kumurikirwa no kuyoborwa na Yezu Kristu (Reba Rom 13, 14), aribyo kugengwa na We no kurangwa n'imico ye. Koko rero, Kristu ni We « Nzira, n'ukuri n'ubugingo » ( Yh 14, 6). Tutari kumwe na We, ngo atuyobore kandi atugenge, twarindagizwa n'ikinyoma cy'isi, ntitwagira ubugingo muri twe. Intumwa Pawulo, adushishikariza gukomera ku Mana agira ati : « *Nimuhagarare gitwari muri Nyagasani, mwambare intwaro zikomoka ku Mana, kugira ngo mubashe guhangara imitego ya Sekibi, kuko abanzi turwana ni ibikomangoma n'ibihangange by'isi y'umwijima*» (Ef 6, 10-12). Mu gihe imbaraga z'isi y'icyaha n'ubuhakanamana bigenda bikaza umurego, turasabwa gukomera ku kwemera : « *Muhorane ukwemera, kubabere nk'ingabo izazimya imyambi igurumana ya Nyakibi* » ( Ef 6, 16).

**9.** Isengesho rifite umwanya w'ibanze mu buzima bw'abemera. Yezu yarabitwigishije agira ati: « *Umuntu ntatungwa n'umugati gusa, ahubwo n'Ijambo ryose riturutse mu kanwa k'Imana* » (Mt 4, 4). Mu gihe twizihiza iyi Noheli, turabazirikana cyane cyane mwebwe abakristu mubabaye kuko mudashobora guhurira hamwe ngo muture Igitambo cya Misa muronkeramo ubugingo bw'Imana kubera ko kiliziya zanyu zifunze. Twongeye gusaba ngo abo bireba, bakore ibishoboka byose, kiliziya zujuje ibisabwa zifungurwe, abana b'Imana babone aho basengera. Isengesho, niryo rigaburira roho z'abemera. Ntitubeshwaho n'iby'isi gusa, kuko twaremewe kubaho iteka. Twihatire gusenga mu kuri (reba Yh 4,24) nk'abavandimwe nta buryarya (reba 1Yh 4,20 ), kugira ngo tubone imbaraga zo kubera Kristu abahamya muri ibi bihe (reba Intu 1, 8). Nidushishikarire isengesho mu ngo, mu miryango-remezo no mu matsinda y'abakristu. Mu kuzirikana agaciro k'isengesho mu mibereho yacu, twibuke ubutumwa bwa Nyina wa Jambo i Kibeho aho agira ati : « *Nimusenge musabira Kiliziya kuko amakuba akomeye ayitegereje* » (A. Mumureke, *Ibonekerwa ryo ku wa 28/11/1983*). Nk'uko tubisanganywe mu masengesho ya gikristu, mu rwego rwo gusabira Kiliziya, turabararikira isengesho risabira Kiliziya yacu, riri mu *Gitabo cy'Umukristu*. Turasaba abakristu bose kuvuga iri sengesho basabira abagize umubiri wa Kristu, ngo bakomere mu kwemera, mu kwizera no mu rukundo.

Tubaragije Umubyeyi Bikira Mariya, Nyina wa Jambo, Umwamikazi wa Kibeho.

Bikorewe i Kigali, ku wa 19/12/2025

**Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda:**

✠ **Antoine Card. KAMBANDA**
Arikiyepiskopi wa KIGALI akaba na Perezida
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

✠ **Vincent HAROLIMANA**
Umwepiskopi wa RUHENGERI

✠ **Célestin HAKIZIMANA**
Umwepiskopi wa GIKONGORO

✠ **Anaclet MWUMVANEZA**
Umwepiskopi wa NYUNDO

✠**Edouard SINAYOBYE**
Umwepiskopi wa CYANGUGU

✠ **Papias MUSENGAMANA**
Umwepiskopi wa BYUMBA

✠ **Jean Marie Vianney TWAGIRA**
Umwepiskopi wa KIBUNGO

✠ **Balthazar NTIVUGURUZWA**
Umwepiskopi wa KABGAYI

✠ **Jean Bosco NTAGUNGIRA**
Umwepiskopi wa Butare